# - ITANGAZO. -

Kuwa kabili taliki ya 20 Kanama 1984, mu Kigo cy'i KAVUMU I NYABISINDU, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Major NDINDILIYIMANA Agusitini, yayoboye imihango y'isoza ly'ihugurwa ly'abayobozi b'ibigo by'Urubyiruko.

Ilyo hugurwa lyatangiye ku italiki ya 31 Nyakanga 1984 lyali lihuje abayobozi 34 kandi lyali ligabanyijemo ibyiciro bibili:

- Kujijura abo bayobozi mu byerekeye imikino
- Kubajijura mu bulyo bwo kuyobora no gucunga umutungo w'Ibigo by'Urubyiruko. Ubwo bulyo bukaba bukubiyemo ingingo zikulikira:
  - Uko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative iteganya mu byerekeye kujijura urubyiruko no kururera.
  - Uko ibigo by'urubyiruko byagera ku musaruro wabyo
  - Amabwiliza yatanzwe na Ministeri buli Kigo kigomba gukulikiza mu mwaka wa 1984-1985
  - Amategeko agomba kugenga ibigo by'urubyiruko
  - Umwambaro urubyiruko rw'ibigo rugomba kwambara
  - Amafranga urubyiruko rugomba gutanga mu kigo kugirango rwige( Minervali)
  - Ukuntu umwaka wahaliwe Urubyiruko ku isi hose ugomba gutegurwa no kwizihizwa cyane mu gihugu cyacu.

Mu mwanzuro w'Iyo hugurwa, Abayobozi b'Ibigo by'Urubyiruko bifuje ko:

1° Ministeri y'Urubyiruko ko Gutsura za Koeprative yajya itanga bidatinze ibikoresho urubyiruko rukoresha rwiga n'ibilibwa kandi ikabitanga ikulikije ubushobozi ifite bwo kubigura n'ibyo ikigo gikora.

2° Ministeri yaha ibigo abalimu bahagije kandi babishoboye

3° Ikabashakira ubulyo amazi n'umuliro byagera mu bigo by'Urubyiruko

4° Igatanga ibikoresho mu bigo byose ku bulyo bulinganiye kandi bwatuma ibyo bigo byihaza mu byo bikeneye.

5° Guhugura abayobozi n'abalimu b'ibgo haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga, bitewe n'ibyo bagomba guhugurwamo.

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za
Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Major BEM.

P.O [signature]
Dirigé(?) de la Jeunesse